**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE KUGENZURA IMIKORERE Y'INZEGO ZIMWE Z'IMIRIMO**
**P.O BOX 7289 KIGALI, Tel: +250 252 584562, Fax: +250 252 584563**
**Email: arms@rwanda1.com**
**Website: www.rura.gov.rw**

# AMABWIRIZA KUBAKORA UMURIMO WO GUKUSANYA IMYANDA, GUTWARA IMYANDA, GUTUNGANYA IMYANDA, GUSHYIRAHO NO GUCUNGA IBIMOTERI

Ubuyobozi bw'Ikigo Ngenzuramikorere RURA,

Bushingiye ku itegeko no.39/2001 ryo kuwa 13/09/2001 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura inzego z'imirimo ifitiye igihugu akamaro mu Rwanda (RURA) rikanagiha inshingano zo kugenzura serivisi zitangwa mu isukura,

Bushingiye ku nshingano rusange zacyo arizo:

1. Kureba ko inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro zitanga ibintu n'imirimo mu gihugu hose kugira ngo ibisabwa n'ibyangombwa byose bikenerwa n'abantu ubwabo, amasosiyete cyangwa imiryango biciye mu kuri bishobore kuboneka ;
2. Kumenya niba abakora imwe mu mirimo ifitiye Igihugu akamaro bafite amikoro ahagije kugira ngo bashobore gukora ibikorwa byabo ;
3. Gukomeza guharanira, gishyize imbere inyungu z'abafatabuguzi, ko haba irushanwa nyaryo igihe hatangijwe irushanwa mu mikorere ya buri rwego rw'imirimo ifitiye Igihugu akamaro no kureba niba nta karengane kagiririrwa abafatabuguzi kubera ko hari inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro zihariye isoko;
4. Korohereza no gushishikariza urwego rw'abikorera ku giti cyabo kugira uruhare mu gushora imari mu mirimo ifitiye igihugu akamaro ;
5. Kugenzura niba inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro zubahiriza amategeko agenga ibikorwa byazo.

Bumaze kubona ko ari ngombwa gushyiraho umurongo ngenderwaho mu byerekeye isukura mu gihugu, bushyizeho amabwiriza akurikira:

## ISHAKIRO

**UMUTWE WA MBERE: AMABWIRIZA AREBANA N'ABAKORA UMURIMO WO GUKUSANYA NO GUTWARA IMYANDA MU MIJYI YO MU RWANDA............................4**
Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije .................................................................. 4
Ingingo ya 2: Abo aya mabwiriza areba ...................................................................... 4
Ingingo ya 3: Ibisabwa abakora umurimo wo gukusanya no gutwara imyanda............ 4
Ingingo ya 4: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gukusanya no gutwara imyanda .. 4
Ingingo ya 5: Amafaranga atangwa ku mwaka y'uruhushya rwo gukusanya no gutwara imyanda............................................................................................................................ 5
Ingingo ya 6: Ibyo abakora uyu murimo bagomba gukurikiza...................................... 6
Ingingo ya7: Ibisabwa abatwarirwa imyanda ................................................................ 7
Ingingo ya 8: Ibisabwa ubuyobozi bw'inzego z'ibanze ................................................ 7
Ingingo ya 9: Ibisabwa ikigo ngenzuramikorere (RURA)............................................. 7
Ingingo ya 10: Igihe ntarengwa cyo kubona ibyangombwa .......................................... 7
Ingingo ya 11: Igihe uruhushya rumara ........................................................................ 7
Ingingo ya 12: Abemerewe gukorera mu mbibi zimwe................................................. 7
Ingingo ya 13 : Ibihano ................................................................................................. 8
**UMUTWE WA KABIRI: AMABWIRIZA AGENGA ABAKORA UMURIMO WO GUKUSANYA NO GUTWARA IMYANDA MU CYARO .........................................................................8**
Ingingo ya 14: Abo aya mabwiriza areba ...................................................................... 8
Ingingo ya 15: Ibyo abakora uyu murimo bagomba kuba bujuje .................................. 8
Ingingo ya 16: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gukusanya no gutwara imyanda 8
Ingingo ya 17: Amafaranga atangwa ku mwaka y'uruhushya rwo gukusanya no gutwara imyanda................................................................................................................ 9
Ingingo ya 18: Ibyo abakora uyu murimo bagomba gukurikiza.................................... 9
Ingingo ya 19: Ibisabwa abatwarirwa imyanda ........................................................... 10
Ingingo ya 20: Ibisabwa ikigo ngenzuramikorere (RURA).......................................... 10
Ingingo ya 21: Igihe ntarengwa cyo kubona ibyangombwa ........................................ 10
Ingingo ya 22: Igihe uruhushya rumara ...................................................................... 10
Ingingo ya 23: Abemerewe gukorera mu mbibi zimwe............................................... 11
Ingingo ya 24: Ibihano ................................................................................................. 11
**UMUTWE WA GATATU: AMABWIRIZA AREBANA N'ABATUNGANYA IMYANDA .........11**
Ingingo ya 25: Abo aya mabwiriza areba .................................................................... 11
Ingingo ya 26: Ibikenewe mu gutanga uruhushya rwo gutunganya imyanda ............. 11
Ingingo ya 27: ibyo bagomba kubahiriza..................................................................... 11
Ingingo ya 28: Igihe uruhushya rutangirwaho ............................................................ 12
Ingingo ya 29: Ibihano ................................................................................................. 12
Ingingo ya 30: Amafaranga yishyurwa........................................................................ 12
**UMUTWE WA KANE: AMABWIRIZA KUBIFUZA GUSHYIRAHO CYANGWA GUCUNGA IKIMOTERI ..........................................................................................................................12**
Ingingo ya 31: Abo aya mabwiriza areba .................................................................... 12
Ingingo ya 32: Ubwoko bw'ibimoteri.......................................................................... 12
Ingingo ya 33: Ibyo basabwa ...................................................................................... 13
Ingingo ya 34: Ibikenewe ku bifuza gushyiraho ikimoteri .......................................... 13

Ingingo ya 35: Ibikenewe mu gutanga uruhushya rwo gucunga ikimoteri .................. 13
Ingingo ya 36: Igihe uruhushya rumara n'amafaranga rwishyurwa ............................ 13
Ingingo ya 37: Igihe uruhushya rutangirwa ................................................................ 13
Ingingo ya 38: ibyo ucunga ikimoteri agomba kubahiriza .......................................... 14
Ingingo ya 39: Ibisabwa mu rwego rwa tekiniki ......................................................... 14
Ingingo ya 40: Aho ikimoteri kigomba gushyirwa: ..................................................... 15
Ingingo ya 41: Ibihano ............................................................................................... 15
Ingingo ya 42: Igihe cyo kuzuza ibisabwa ku basanzwe bakora ................................. 15
Ingingo ya 43: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa .............................................. 15

## UMUTWE WA MBERE: AMABWIRIZA AREBANA N'ABAKORA UMURIMO WO GUKUSANYA NO GUTWARA IMYANDA MU MIJYI YO MU RWANDA

### Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza yerekeranye n'ibisabwa abifuza impushya zo gukora umurimo wo gutwara imyanda mu mujyi wa Kigali n'ahandi hose hafatwa nk'umujyi:

1. Muhanga: ahahoze ari umujyi wa Gitarama
2. Huye : Ahahoze ari umujyi wa Butare
3. Ruhango: Ahahoze ari umujyi wa Ruhango
4. Nyanza: Ahahoze ari umujyi wa Nyanza
5. Nyamagabe: ahahoze ari umujyi wa Gikongoro
6. Rusizi: ahahoze ari umujyi wa Cyangugu
7. Gicumbi: ahahoze ari umujyi wa Byumba
8. Musanze: ahahoze ari umujyi wa Ruhengeri
9. Rubavu: ahahoze ari umujyi wa Gisenyi
10. Rwamagana: ahahoze ari umujyi wa Rwamagana
11. Ngoma: ahahoze ari umujyi wa Kibungo
12. Nyagatare: ahahoze ari umujyi wa Nyagatare
13. Nyamata
14. Karongi: Ahahoze ari Umujyi wa Kibuye

### Ingingo ya 2: Abo aya mabwiriza areba

Aya mabwiriza areba abantu ku giti cy'abo, amakoperative ndetse n'ibigo bikora cyangwa byifuza gukora umurimo wo gukusanya no gutwara imyanda mu mujyi wa Kigali n'ahandi havuzwe mu ngingo ya mbere. Aya mabwiriza ntareba abatwara cyangwa abifuza gutwara imyanda irimo uburozi (déchets toxiques /hazardous wastes)

### Ingingo ya 3: Ibisabwa abakora umurimo wo gukusanya no gutwara imyanda

Abemerewe gukora umurimo wo gukusanya cyangwa gutwara imyanda ni abafite uruhushya rubibemerera rutangwa n'ikigo ngenzuramikorere, RURA.

### Ingingo ya 4: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gukusanya no gutwara imyanda

1. **Ibisabwa umuntu ku giti cye cyangwa koperative:**

a) Kuba afite ubushake n'ubushobozi agaragaza mu ibaruwa isaba uruhushya

b) Kugaragaza imbibi z'aho azakorera (umudugudu, akagari, umurenge n'akarere)
c) Kuba yariyandikishije mu kigo ngenzuramikorere (RURA)
d) Kugaragaza ikimoteri azajya amenamo iyo myanda no kwerekana urupapuro rumuha uburenganzira bwo kumena imyanda muri icyo kimoteri rutangwa n'inzego zishinzwe gucunga icyo kimoteri
e) Kuba afite ikinyabiziga kizajya gitwara imyanda. Icyo kinyabiziga gishobora kuba ari icye cyangwa ari icyo akodesha. Igihe ari icyo akodesha agomba kugaragaza amasezerano y'ubukode bwacyo y'igihe kingana n'umwaka
f) Kugaragaza aho ibiro bye biherereye
g) Kugaragaza umushinga w'ibikorwa (business plan)
h) Kugaragaza amategeko shingiro agenga koperative ariho umukono wa noteri
i) Kuba afite igitabo cy'ubucuruzi (registre de commerce)

**2. ibisabwa ikigo/company:**

**a)** Kuba icyo kigo gifite ibinyabiziga bihagije bizabafasha gutwara imyanda. Ibyo binyabiziga bishobora kuba ari iby'ikigo cyangwa ari ibyo ikigo gikodesha; icyo gihe ikigo kerekana amasezerano y'ubukode bw'ibyo binyabiziga y'igihe kingana n'umwaka
**b)** Kugaragaza imbibi z'aho azakorera (umudugudu, akagari, umurenge, akarere, umujyi wa Kigali cyangwa mu gihugu hose)
**c)** Kugaragaza igitabo cy'ubucuruzi (registre de commerce)
**d)** Kugaragaza amategeko agenga ikigo
**e)** Kugaragaza umushinga w'ibikorwa (business plan)
**f)** Kugaragaza aho icyicaro cy'ikigo giherereye
**g)** Kuba yariyandikishije mu kigo ngenzura mikorere (RURA)
**h)** Kugaragaza ikimoteri azajya amenamo iyo myanda no kwerekana urupapuro rumuha uburenganzira bwo kumena imyanda muri icyo kimoteri rutangwa n'inzego zishinzwe gucunga icyo kimoteri

## <u>Ingingo ya 5</u>: Amafaranga atangwa ku mwaka y'uruhushya rwo gukusanya no gutwara imyanda

1) K'umuntu ku giti cye cyangwa koperative ayo mafaranga ahinduka bitewe n'imbibi z'aho azakorera. Ayo mafaranga y'uRwanda angana atya:

   a) Ku bakorera mu rwego rw'umudugudu cyangwa rw'akagari ni ibihumbi bitanu (5.000Rwf)
   b) Ku bakorera mu rwego rw'umurenge ni ibihumbi icumi (10.000Rwf)
   c) Ku bakorera mu rwego rw'akarere ni ibihumbi cumi na bitanu (15.000Rwf)
   d) Ku bakorera mu rwego rw'umujyi wa Kigali, rw'intara no ku rwego rw' igihugu ni ibihumbi makumyabiri (20.000Rwf)

e) Ku bakorera mu kagali karenze kamwe bishyura nk'abo ku rwego rw'umurenge, abakorera mu mirenge irenze umwe bishyura nko ku rwego rw'akarere n'aho abakorera mu turere turenze kamwe bishyura nk'ayo mu rwego rw'umugi wa Kigali cyangwa intara.

2) Amafaranga y'uRwanda atangwa n'ikigo buri mwaka y'uruhushya rwo gutwara imyanda ni ibihumbi makumyabiri na bitanu (25.000Rwf)

## <u>Ingingo ya 6</u>: Ibyo abakora uyu murimo bagomba gukurikiza

a) Ku batwara imyanda yo mu ngo bagomba gutwarira abakiriya babo nibura inshuro imwe mu cyumweru.
b) Bagomba kugirana amasezerano yanditse na buri rugo batwarira cyangwa se bakagirana amasezerano n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze bw'urwego bakoreramo. Ku bagirana amasezerano n'ubuyobozi bagomba kuzanira ikigo ngenzuramikorere copie y'ayo masezerano naho ku bagirana amasezerano na buri mukiriya ku giti cye bagomba kuzanira ikigo ngenzura mikorere formulaire y'ayo masezerano.
c) Ku batwara imyanda yo mu isoko bagomba gutwara imyanda buri munsi. Bagomba kandi gushyikiriza ikigo ngenzuramikorere amasezerano bagiranye n'ubuyobozi bw'abashinzwe ayo masoko.
d) Ku batwara imyanda y'aho barira cyangwa aho banywera (restaurants, bars, Hotels,…) bagomba gutwara imyanda buri munsi.
e) Ku batwara imyanda bagomba kuvangura imyanda ibora n'itabora mbere y'uko bayijyana mu kimoteri. Ni byiza ko bashishikariza abakiriya babo kuzajya bavangurira imyanda yabo mu ngo bakagira umufuka ujyamo ibibora n'undi ujyamo ibitabora.
f) Kugenera imyambaro yabugenewe abakozi babakorera. Iyo myambaro ni: amataburiya cyangwa ibisurubeti, inkweto za plastique (bottes/boots), uturindantoki (gants/glooves), udupfuka amazuru n'ingofero.
g) Kubera ko abakora uyu murimo bishobora kubagirira ingaruka ku buzima bwabo, abakora uyu murimo bagomba gushyira mu bwisungane bwo kwivuza abakozi babo ndetse bakanabashyira no mu bwiteganyirize.
h) Kubahiriza ibiciro bishyirwaho n'ikigo ngenzuramikorere
i) Gushyikiriza ikigo ngenzuramikorere raporo yerekeranye n'ubucuruzi bakora (business plan) buri mwaka.
j) Kwishyura ikigo ngenzuramikorere buri mwaka umusanzu ungana na 1% y'umubare w'amafaranga binjije mu mwaka wose nk'uko biteganywa n'iteka rya Minisitiri no 4/DC/04 ryo ku wa 07/06/2004.
k) Bagomba gukoresha imodoka zipakurura mu gutwara imyanda kandi imyanda ikagenda itwikiriye. Igihe imodoka zitipakurura imyanda igomba kugenda mu mifuka kugirango abayipakurura badahura nayo cyane.

l) Mu gutwara imyanda urugo k'urundi no mu mihanda y'ibitaka bashobora gukoresha ingorofani ariko ni byiza ko naho bakoresha imodoka. Mu muhanda wa kaburimbo ingorofani zitwaye imyanda ntizemewe.

## Ingingo ya7: Ibisabwa abatwarirwa imyanda

Abatwarirwa imyanda bagomba kwishyurira ku gihe nk'uko amasezerano abiteganya, bagomba kandi kubahiriza ibiri mu masezerano byose

## Ingingo ya 8: Ibisabwa ubuyobozi bw'inzego z'ibanze

Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze busabwe gushishikariza abantu bose ko bagira abazajya babatwarira imyanda mu rwego rwo kurengera ibidukikije muri rusange, by'umwihariko mu rwego rwo gushyigikira isuku.

## Ingingo ya 9: Ibisabwa ikigo ngenzuramikorere (RURA)

1. Ikigo ngenzuramikorere mu Rwanda RURA gifite inshingano zo kugenzura ko serivise zitangwa neza hakurikijwe amasezerano yasinywe hakurikije kandi aya mabwiriza.
2. Mu rwego rwo kugenzura servise zitangwa, ikigo ngenzuramikorere gifite uburenganzira bwo kwohereza umushoramari gukorera aho bigaragara ko izo servise zikenewe kurusha ahandi.
3. Ikigo ngenzuramikorere gifite inshingano zo kurenganura abahabwa n'abatanga servise mu isuku n'isukura.
4. Ikigo ngenzuramikorere kigomba gushishikariza abashoramari gushora imari yabo mu bikorwa by'isuku n'isukura. Ikigo ngenzuramikorere kigomba gutanga uruhushya ku bakora uyu murimo ku gihe.

## Ingingo ya 10: Igihe ntarengwa cyo kubona ibyangombwa

Umuntu wese washyikirije ikigo ngenzuramikorere ibisabwa ahabwa igisubizo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu. Iyo kirenze ahabwa ibisobanuro.

## Ingingo ya 11: Igihe uruhushya rumara

Uruhushya rwo gutwara imyanda rugira agaciro mu gihe kingana n'umwaka umwe.

## Ingingo ya 12: Abemerewe gukorera mu mbibi zimwe

Mu mbibi zimwe hashobora gukoreramo abashoramari benshi bityo buri mukiriya akihitiramo umuha serivisi nziza (fair competition).

## Ingingo ya 13: Ibihano

Umuntu cyangwa ikigo batazubahiriza aya mabwiriza bazahanishwa ibihano bikurikira:

a) Gucibwa amafaranga angana no kuva ku bihumbi makumyabiri (20.000Rwf) kugera ku bihumbi magana atanu y'u Rwanda(500.000Rwf),
b) Kwamburwa uburenganzira bwo gukomeza gukora uwo murimo mu gihe cy'amezi atandatu,
c) Kwamburwa uburenganzira bwo gukora uwo murimo burundu.

**Icyitonderwa:**

Bitewe n'uburemere bw'ikosa ashobora guhanishwa byose cyangwa bimwe mu bihano byavuzwe haruguru.

# UMUTWE WA KABIRI: AMABWIRIZA AGENGA ABAKORA UMURIMO WO GUKUSANYA NO GUTWARA IMYANDA MU CYARO

## Ingingo ya 14: Abo aya mabwiriza areba

Aya mabwiriza areba abantu bose, amakoperative ndetse n'ibigo bikora umurimo wo gutwara imyanda mu cyaro hayivana mu masoko, mu mavuriro cyangwa ibitaro, mu ngo z'abantu, mu mashuri n'ahandi hose.

## Ingingo ya 15: Ibyo abakora uyu murimo bagomba kuba bujuje

Abemerewe gukora umurimo wo gukusanya cyangwa gutwara imyanda mu byaro ni abafite uruhushya rubibemerera rutangwa n'ikigo ngenzuramikorere, RURA.

## Ingingo ya 16: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rwo gukusanya no gutwara imyanda

1. **Ibisabwa umuntu ku giti cye cyangwa koperative:**

a. Kugaragaza imbibi z'aho azakorera (umudugudu, akagari, umurenge, akarere).
b. Kuba yariyandikishije mu kigo ngenzura mikorere (RURA)
c. Kugaragaza ikimoteri azajya amenamo iyo myanda no kwerekana urupapuro rumuha uburenganzira bwo kumena imyanda muri icyo kimoteri rutangwa n'inzego zishinzwe gucunga icyo kimoteri.
d. Kugaragaza uburyo azajya ageza imyanda mu kimoteri (imodoka)
e. Kugaragaza aho ibiro bye biherereye.

f. Kugaragaza umushinga w'ibikorwa (business plan).
g. Kugaragaza amategeko shingiro agenga koperative

**2. Ibisabwa ikigo/company:**

a. Kuba icyo kigo gifite nibura ibinyabiziga bihagije bizababafasha gutwara imyanda. Ibyo binyabiziga bishobora kuba ari iby'ikigo cyangwa ari ibyo ikigo gikodesha.
b. Kugaragaza ikimoteri azajya amenamo iyo myanda no kwerekana urupapuro rumuha uburenganzira bwo kumena imyanda muri icyo kimoteri rutangwa n'inzego zishinzwe gucunga icyo kimoteri.
c. Kugaragaza imbibi z'aho azakorera (umudugudu, akagari, umurenge, akarere).
d. Kugaragaza igitabo cy'ubucuruzi (registre de commerce)
e. Kugaragaza amategeko agenga ikigo (statut)
f. Kugaragaza umushinga w'ibikorwa (business plan)
g. Kugaragaza aho icyicaro cy'ikigo giherereye
h. Kuba yariyandikishije mu kigo ngenzura mikorere (RURA)

## <u>Ingingo ya 17</u>: Amafaranga atangwa ku mwaka y'uruhushya rwo gukusanya no gutwara imyanda

1. K'umuntu ku giti cye cyangwa koperative aho yaba akorera hose mu cyaro atanga amafaranga y'uRwanda ibihumbi bitanu (5000 Rwf)

2. Amafaranga y'uRwanda atangwa n'ikigo igihe kiba kizakorera mu cyaro gusa ni ibihumbi icumi ku mwaka (10.000Rwf)

## <u>Ingingo ya 18</u>: Ibyo abakora uyu murimo bagomba gukurikiza

a. Ku batwara ibishingwe byo mu ngo bagomba gutwarira abakiriya babo nibura inshuro imwe mu cyumweru;
b. Bagomba kugirana amasezerano yanditse na buri rugo batwarira cyangwa se bakagirana amasezerano n'ubuyobozi bwa leta bw'urwego bakoreramo. Ku bagirana amasezerano n'ubuyobozi bagomba kuzanira ikigo ngenzuramikorere ayo masezerano naho ku bagirana amasezerano na buri mu kiriya ku giti cye bagomba kuzanira ikigo ngenzuramikorere formulaire y'ayo masezerano.
c. Ku batwara imyanda yo mu isoko bagomba gutwara imyanda buri munsi isoko ryaremye. Bagomba kandi gushyikiriza ikigo ngenzuramikorere copies z'amasezerano bagiranye n'ubuyobozi bw'abashinzwe ayo masoko.
d. Ku batwara imyanda y'aho barira cyangwa aho banywera (restaurants, bars, Hotels,…) bagomba gutwara imyanda buri munsi.
e. Ku batwara imyanda bagomba kuvangura imyanda ibora n'itabora mbere y'uko bayijyana mu kimoteri.

f. Kugenera imyambaro yabugenewe abakozi babakorera. Iyo myambaro ni: amataburiya cyangwa ibisurubeti, inkweto za plastique (bottes/boots), uturindantoki (gants/glooves), udupfuka amazuru n'ingofero.
g. Kubera ko abakora uyu murimo bishobora kubagirira ingaruka ku buzima bwabo, abakora uyu murimo bagomba gushyira mu bwisungane bwo kwivuza abakozi babo. Igihe ari ibigo bikora uwo murimo, bigomba no kubashyira mu bwiteganyirize.
h. Kubahiriza ibiciro bishyirwaho n'ikigo ngenzuramikorere
i. Gushyikiriza ikigo ngenzuramikorere raporo yerekeranye n'ubucuruzi bakora (business plan) buri mwaka.
j. Kwishyura ikigo ngenzuramikorere buri mwaka umusanzu ungana na 1% y'umubare w'amafaranga binjije mu mwaka wose nk'uko biteganywa n'iteka rya Minisitiri no 4/DC/04 ryo ku wa 07/06/2004.
k. Ku bakoresha imodoka muri uwo murimo, bagomba gukoresha imodoka zipakurura mu gutwara imyanda kandi imyanda ikagenda itwikiriye. Igihe imodoka zitipakurura imyanda igomba kugenda mu mifuka kugirango abayipakurura badahura nayo cyane.

## <u>Ingingo ya 19</u>: Ibisabwa abatwarirwa imyanda

Abatwarirwa imyanda bagomba kwishyurira ku gihe bitewe n'uko amasezerano abiteganya.

## <u>Ingingo ya 20</u>: Ibisabwa ikigo ngenzuramikorere (RURA)

1. Ikigo ngenzuramikorere mu Rwanda RURA gifite inshingano zo kugenzura ko servise zitangwa neza hakurikijwe amasezerano yasinywe hakurikije kandi aya mabwiriza.
2. Ikigo ngenzuramikorere gifite inshingano zo kurenganura abahabwa n'abatanga servise mu isuku n'isukura (consumers' protection).
3. Ikigo ngenzuramikorere kigomba gushishikariza abashoramari gushora imari yabo mu bikorwa by'isukura
4. Ikigo ngenzuramikorere kigomba gutanga uruhushya ku bakora uyu murimo ku gihe.

## <u>Ingingo ya 21</u>: Igihe ntarengwa cyo kubona ibyangombwa

Umuntu wese washyikirije ikigo ngenzuramikorere ibisabwa ahabwa igisubizo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu. Iyo kirenze ahabwa ibisobanuro.

## <u>Ingingo ya 22</u>: Igihe uruhushya rumara

Uruhushya rwo gutwara imyanda rugira agaciro mu gihe kingana n'umwaka umwe.

## Ingingo ya 23: Abemerewe gukorera mu mbibi zimwe

Mu mbibi zimwe hashobora gukoreramo abashoramari benshi bityo buri mukiriya akihitiramo umuha serivisi nziza (fair competition).

## Ingingo ya 24: Ibihano

a. Umuntu cyangwa ikigo batazubahiriza aya mabwiriza bazacibwa amafaranga angana no kuva ku bihumbi makumyabiri (20.000Rwf) kugera ku bihumbi magana atanu (500.000Rwf) y'u Rwanda.
b. Kwamburwa uburenganzira bwo gukomeza gukora uwo murimo mu gihe cy'amezi atandatu.
c. Kwamburwa uburenganzira bwo gukora uwo murimo burundu.

# UMUTWE WA GATATU*:* AMABWIRIZA AREBANA N'ABATUNGANYA IMYANDA

## Ingingo ya 25: Abo aya mabwiriza areba

Aya mabwiriza areba abantu bose batunganya cyangwa bifuza gutunganya imyanda (waste recycling/treatment).

## Ingingo ya 26: Ibikenewe mu gutanga uruhushya rwo gutunganya imyanda

Abifuza uruhushya rwo gutunganya imyanda bagomba kugaragaza ibi bikurikira:

1. Kugaragaza ubwoko bw'imyanda itunganywa/izatunganywa n'ibyo bazayibyazamo.
2. Kugaragaza inyigo y'uko bizakorwa (feasibility study)
3. Kugaragaza urupapuro rutangwa n'ikigo gishinzwe kubungabunga ibidukikije rugaragaza ko umushinga we nta ngaruka mbi ufite ku bidukikije (EIA).
4. Kugaragaza ubushobozi bw'abakozi bazakora uwo murimo.
5. Kugaragaza umushinga w'ibikorwa (business plan)
6. Kugaragaza statut ku bigo

## Ingingo ya 27: ibyo bagomba kubahiriza

1. Kugenera imyambaro yabugenewe abakozi babo :inkweto za plastiques (bottes/boots), amataburiya cyangwa ibisurubeti, udupfuka amazuru, uturindantoki n'ingofero
2. Gushyira abakozi mu bwishingizi no bwiteganyirize
3. Bagomba gushyira abakozi babo mu bwishingizi bwo kwivuza
4. Gushyikiriza ikigo ngenzuramikorere raporo yabo y'ubucuruzi buri mwaka(business plan)
5. Kwishyura ikigo ngenzuramikorere RURA buri mwaka umusanzu ungana na 1% y'umubare w'amafaranga binjije mu mwaka wose nk'uko biteganywa n'iteka rya Minisitiri no 4/DC/04 ryo kuwa 07/06/2004.

## <u>Ingingo ya 28</u>: Igihe uruhushya rutangirwaho

Umuntu wese washyikirije ikigo ngenzuramikorere ibyangombwa bisabwa ahabwa igisubizo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) abakozi babishinzwe bamaze kwiga neza dosiye ye. Iyo irenze ahabwa ibisobanuro.

## <u>Ingingo ya 29</u>: Ibihano

Umuntu wese utazubahiriza aya mabwiriza azahanishwa kimwe cyangwa byombi muri ibi bihano:

1. Amande y'amafaranga y'uRwanda ari hagati y'ibihumbi mirongo itanu (50.000Rwf) n'ibihumbi maganatanu (500.000Rwf)
2. Kwamburwa uburenganzira bwo gutunganya imyanda mu gihe cy'amezi atandatu cyangwa se mu gihe cya burundu.

## <u>Ingingo ya 30</u>: Amafaranga yishyurwa

Amafaranga y'uRwanda atangwa ku mwaka ku uruhushya rwo gutunganya imyanda ni ibihumbi mirongo itanu (50.000Frw).

# UMUTWE WA KANE: AMABWIRIZA KUBIFUZA GUSHYIRAHO CYANGWA GUCUNGA IKIMOTERI

## <u>Ingingo ya 31</u>: Abo aya mabwiriza areba

Aya mabwiriza areba abantu bose (umuntu ku giti cye, amakoperative ndetse n'ibigo) bacunga ibimoteri bamenamo imyanda ndetse n'abandi bifuza gukora ikimoteri.

## <u>Ingingo ya 32</u>: Ubwoko bw'ibimoteri

**Ikimoteri rusange:** Ikimoteri gikoreshwa k'urwego rw'umujyi, k'urwego rw'akarere no ku rwego rw'umurenge.
Ikimoteri cy'agateganyo (transit site): Ni ikimoteri gishyirwamo imyanda mbere y'uko ijyanwa mu kimoteri rusange

## Ingingo ya 33: Ibyo basabwa

Abacunga ikimoteri bagomba kuba bafite uruhushya rutangwa n'ikigo ngenzuramikorere mu RURA.

## Ingingo ya 34: Ibikenewe ku bifuza gushyiraho ikimoteri

1. Kugaragaza aho ikimoteri giherereye
2. Kugaragaza ubunini ikimoteri kizaba gifite
3. Kugaragaza urupapuro rutangwa n'ikigo gishinzwe kubungabunga ibidukikije rugaragaza ko umushinga we nta ngaruka mbi ufite ku bidukikije (EIA).
4. Kugaragaza umushinga w'ibikorwa (business plan)
5. Kugaragaza statut ku bigo
6. Kugaragaza igishushanyo cy'ikimoteri

## Ingingo ya 35: Ibikenewe mu gutanga uruhushya rwo gucunga ikimoteri

Abacunga cyangwa abifuza gucunga ikimoteri bagomba kugaragaza ibi bikurikira:

1. Kugaragaza aho ikimoteri giherereye
2. Kugaragaza ubunini bw'ikimoteri
3. Kugaragaza umubare w'abakozi bakora/bazakora muri icyo kimoteri no kugaragaza ubushobozi bwabo.
4. Kuba umwe muri abo bakozi yarakoze amahugurwa ku bijyanye no gucunga imyanda (waste management)
5. Kugaragaza umushinga w'ibikorwa (business plan)
6. Kugaragaza statut ku bigo
7. Kugaragaza igishushanyo cy'ikimoteri

## Ingingo ya 36: Igihe uruhushya rumara n'amafaranga rwishyurwa

Uruhushya rwo gucunga ikimoteri rumara igihe cy'umwaka umwe. Urwo ruhushya rwishyurwa amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000Rwf) ku bimoteri byo mu mujyi wa Kigali n'ibihumbi icumi (10.000Rwf ku bimoteri byo mu cyaro.

## Ingingo ya 37: Igihe uruhushya rutangirwa

Umuntu wese washyikirije ikigo ngenzuramikorere ibyangombwa bisabwa ahabwa igisubizo mu gihe cy'iminsi mirongo ine n'itanu (45), iyo irenze ahabwa ibisobanuro.

## Ingingo ya 38: ibyo ucunga ikimoteri agomba kubahiriza

1. Bagomba kugirana amasezerano yanditse n'abazajya bamena imyanda muri icyo kimoteri.
2. Kugaragaza raport y'uko ikimoteri gihagaze (environmental audit) buri myaka itatu.
3. Kugenera imyambaro yabugenewe abakozi bakora mu kimoteri: inkweto za plastiques (bottes/boots), amataburiya cyangwa ibisurubeti, udupfuka amazuru, uturindantoki n'ingofero
4. Bagomba gushyira abakozi babo mu bwishingizi bwo kwivuza.
5. Kubahiriza ibiciro bishyirwaho n'ikigo ngenzuramikorere RURA
6. Gushyikiriza ikigo ngenzuramikorere raporo yabo y'ubucuruzi buri mwaka(business plan)
7. Kwishyura ikigo ngenzuramikorere RURA buri mwaka umusanzu ungana na 1% y'umubare w'amafaranga binjije mu mwaka wose nk'uko biteganywa n'iteka rya Minisitiri No 4/DC/04 ryo kuwa 07/06/2004.

## Ingingo ya 39: Ibisabwa mu rwego rwa tekiniki

1. Ibishingwe bidahumanya kandi bidashobora kongera gukoreshwa bigomba gushyirwa mu kimoteri.
2. Imyanda ihumanya (hazardous wastes) ishyirwa ahantu hihariya hakurikijwe amategeko abigenga
3. Imyanda yose igomba gutsindagirwa nibura buri kwezi kandi igatwikirwa n'ubutaka hejuru bufite uburebure bwa santimetero 15 (15cm). Babiherewe uburenganzira n'ikigo ngenzuramikorere, bashobora kuzajya batwikiza iyo myanda itaka rimwe mu mezi atatu.
4. Buri wese wifuza gucunga cyangwa gushinga ikimoteri agomba kugaragaza aho azajya avana iryo taka, akagaragaza kandi ko bitabangamiye ibidukikije.
5. Nyuma y'amezi cumi n'abiri ikimoteri gifunzwe, ni ngombwa kongera kuhatsindagira, hakongerwa kumenwa itaka rifite uburebure bw'igice cya metero (0.5m) kandi hakaringanizwa kugirango hatazaza ibidendezi by'amazi. Ibyo bikorwa na nyir'ikimoteri.
6. Kongera kugira ikindi gikorwa bakorera ahahoze ikimoteri nko gutera ibyatsi, kuhahinga n'ibindi bikorwa nyuma y'amezi cumi n'abiri ikimoteri gifunzwe.
7. Ahantu hamenwa imyanda hagomba kuba hazengurukijwe uruzitiro rufite nibura uburebure bwa 1.8m kandi urwo ruzitiro rukaba rutuma imyanda ihamamo imbere.
8. Imyanda y'ibyuma ntigomba kujugunywa mu myobo cyangwa se gutwikirwa n'itaka. Igomba kuba ahagaragara kandi ikaba itavanze n'indi myanda (igomba kuba ifite agace kayigenewe mu kimoteri).
9. Mu gihe ikimoteri cyemerewe kumenwamo myanda y'amazi, ningombwa ko iba ifite umwanya yagenewe.

**Ingingo ya 40: Aho ikimoteri kigomba gushyirwa:**

a) Ikimoteri kigomba kuba giherereye:

1. Kuri metero ijana (100 m) uvuye ku nzira nyabagendwa usibye inzira ijya muri icyo kimoteri
2. Kuri metero magana ane (400m) uvuye ahantu hari amazu yo guturwamo cyangwa akorerwamo indi mirimo
3. Kuri kirometero imwe (1km) uvuye ahantu hari umugezi utemba
4. Kuri metero magana ane (400m) uvuye ahantu hari amasoko y'amazi.
5. Kuri metero magana ane (400) uvuye ku irimbi

b) Ikimoteri kigomba kuba cyagerwaho n'ibinyabiziga mu bihe byose by'umwaka harimo n'ibihe by'imvura.

c) Mu gihe ikimoteri cyafunzwe nta nyubako yemewe muri metero magana ane (400m) uvuye ahahoze ikimoteri mbere y'imyaka ibiri keretse babiherewe uburenganzira n'ikigo cy'igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije.

**Ingingo ya 41: Ibihano**

Umuntu wese utazubahiriza aya mabwiriza azahanishwa kimwe cyangwa byombi muri ibi bihano:

1. Amande y'amafaranga y'uRwanda ari hagati y'ibihumbi mirongo itanu (50.000Rwf) na miliyoni ebyiri (2.000.000Rwf)
2. Kwamburwa uburenganzira bwo gucunga ikimoteri. Igihe abwambuwe burundu hahita hajyaho abandi bacunga icyo kimoteri by'agateganyo kugira ngo bitabangamira ibikorwa by'isukura.

**Ingingo ya 42: Igihe cyo kuzuza ibisabwa ku basanzwe bakora**

Abari basanzwe bakora imirimo yo gukusanya, gutwara, gutunganya imyanda, gushyiraho no gucunga ibimoteri bahawe amezi abiri yo kugirango babe bujuje ibisabwa muri aya mabwiriza, uhereye igihe azaba yashyiriweho umukono.

**Ingingo ya 43: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

Kigali, Kuwa-------/ -------/ 2009

-----------------------------------------

**MUKASINE Marie-Claire**
**Umuyobozi w'inama y'Ubutegetsi**